Rwanda Energy Group

REG

22 SEP 2017

ITANGAZO

Ubuyobozi Bukuru bw'Ikigo Gishinzwe Ingufu (REG) buramenyesha abagana iki kigo bose bakeneye serivisi ko nta serivisi n'imwe yishyurwa amafaranga mu ntoki.

Umuntu ukeneye serivisi yishyurwa amenyeshwa igiciro akabanza akishyura muri Banki kuri konti za **REG/EDCL/EUCL**, akazana inyemezabwishyu (bordereau) agahabwa serivisi uko yayisabye. Naho ukeneye serivisi itangirwa ubuntu, ntiyemerewe na gato kuyitangira amafaranga.

Umuntu wese utanze amafaranga akayaha umukozi wa REG mu ntoki, akunze kwitwa ay'urugendo (transport facilitation) cyangwa se yishyura serivisi ubusanzwe itangirwa ubuntu, aba atanze RUSWA, yaba yabisabwe cyangwa atabisabwe n'uwo ayihaye, kandi ibi bihanwa n'amategeko ndetse ntibinemewe na gato mu mabwiriza agenga imyitwarire y'abakozi ba REG.

Ubuyobozi bwa REG buboneyeho no kumenyesha abantu bose ko bwabashyiriyeho umurongo wa telephone bakohereza **ubutumwa bugufi** (**message**) cyangwa bakatwandikira bakoresheje **Whatsap**, igihe cyose basabwe RUSWA n'umukozi wa REG cyangwa bamubonye ari mu bikorwa bijyanye na RUSWA. Iyo nimero ni **0788310606**.

Tuboneyeho no kubakangurira gukoresha uyu murongo mutanga amakuru y'aho mubonye ruswa muri serivisi z'amashanyarazi kugira ngo dufatanye kuyica burundu.

RWANDA ENERGY GROUP LIMITED
REG
CHIEF EXECUTIVE OFFICER

Ron Weiss
Umuyobozi Mukuru

KN82 ST3, Nyarugenge District, Kigali City, P.O. Box 537 Kigali, Rwanda
Tel.: +(250) (0) 78 818 1224, email: info@reg.rw, website: www.reg.rw